



# Inkoko Na Magurijana

Winny Asara
Magriet Brink
Emmanuel Sibomana
3
Ikinyarwanda rw



Inkoko na Magurijana bari inshuti. Ariko bahoraga barushanwa. Umunsi umwe biyemeje gukina umupira w’amaguru ngo barebe urusha undi.



Bagiye ku kibuga batangira gukina. Inkoko yakinaga yihuta ariko Magurijana akarushaho. Inkoko yateraga umupira ukagera kure, ariko Magurijana akawutera kure cyane. Inkoko itangira kurakara.




Noneho biyemeza gutera za penariti. Magurijana ni we wabanje mu izamu. Inkoko itsinda igitego kimwe gusa. Hanyuma Inkoko na yo iba igiye mu izamu.



Magurijana yateye umupira n’ikirenge atsinda igitego. Magurijana akubita amacenga atsinda igitego. Magurijana atera umupira n’umutwe atsinda igitego. Magurijana atsinda ibitego bitanu.



Inkoko igira umujinya kubera ko yari yatsinzwe. Yari yatsinzwe bikomeye. Magurijana atangira guseka kubera uwo mujinya wa mucuti we.




Inkoko yararakaye ku buryo yahise ibumbura umunwa wayo ihita imira Magurijana.



Igihe Inkoko yatahaga, ihura na nyina wa Magurijana. Nyina wa Magurijana abaza Inkoko ati, “Waba wabonye umwana wanjye?” Inkoko ntiyasubiza. Nyina wa Magurijana atangira kugira impungenge.



Hanyuma nyina wa Magurijana yumva akajwi gato kavug akati, “Mama ntabara!” Nyina wa Magurijana areba hirya no hino anatega amatwi kurushaho. Yumva ka kajwi karaturuka mu nda y’Inkoko.



Nyina wa Magurijana arasakuza ati, “Koresha ubushobozi bwawe budasanzwe mwana wanjye!” Magurijana ashobora kuzana impumuro mbi ndetse akanabiha. Magurijana abikoze, Inkoko itangira kumererwa nabi.



Inkoko itangira gutura imibi. Itangira kumira amacandwe no guciragura. Iritsamura, irakorora. Magurijana yari yayibihiye.



Inkoko ikomezagukorora kugeza ubwo yarutse Magurijana wari wamaze kugera mu gifu cy'inkoko. Nyina wa Magurijana n'umwana we bahita burira igiti bajya kwihisha.



Kuva icyo gihe, Inkoko na Magurijana babaye abanzi.

# Global Storybooks

globalstorybooks.net

## Inkoko Na Magurijana

Winny Asara
Magriet Brink
Emmanuel Sibomana

CC BY